REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA KAMONYI

B.P. 03 MUHANGA

E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

IMYANZURO YAFATIWE MU MWIHERERO W'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI WABEREYE I RUBAVU KUVA TARIKI 09 - 11 GASHYANTARE 2012

Kuri uyu Kane tariki ya **09 Gashyantare 2012** kugeza tariki ya **11 Gashyantare 2012** mu Karere ka **RUBAVU** Intara y'Iburengerazuba muri **MOSTEJ HOTEL** habereye umwiherero w'abagize Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI.** Muri uyu mwiherero Abajyanma bafashe imyanzuro ikurikira:

1. Abajyanama bemeje ko mu gihe hari ibikorwa byakozwe, habaho umwanya wo kureba icyo ibyo bikorwa byahinduye mu mibereho y'abaturage (impact assesment).

2. Nyuma ya gahunda Abajyanama basanzwe bitabira, biyemeje kwitabira inama z'Inama Njyanama z'Imirenge ziba buri kwezi kugira ngo bagire amakuru afatika ku buzima bw'Akarere banatange ubwunganizi aho byaba ngombwa.

3. Abajyanama biyemeje gushyiraho uburyo bwo kumenyekanisha amahirwe **(Opportunities)** Akarere gafite mu rwego rwo kureshya abashoramari

4. Abajyanama biyemeje kujya mu Nama Njyanama z'Imirenge hagamijwe kongera kuganira ku bikorwa Imirenge yoherereje Akarere ngo bishyirwe mu igenamigambi ry'Akarere, bizafasha kunoza igenamigambi ry'Akarere **2012 -2013**

5. Mu rwego rwo kunganira Akarere mu ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo Abajyanama bemeje ko hashyirwaho Komisiyo idasanzwe y'Inama Njyanama yo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ikanafasha kwitegura isuzuma ryo ku rwego rw'igihugu.

6. Mu rwego rwo kunoza Serivisi, Abajyanama biyemeje kurushaho gukurikiranira hafi ibikorwa by'ubuzima mu Karere.

7. Mu rwego rwo kunoza imiturire, hemejwe ko ibikorwa by'umuganda bizibanda mu gutunganya imihanda.

8. Abajyanama biyemeje kuvugurura imikorere ya za Komisiyo , ubutumire bukazajya bugera ku Bajyanama mbere , hakoreshejwe uburyo bw'itumanaho bushoboka

9. Ku birebana no korohereza Abajyanama imikorere yabo, hemejwe ko Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi baziga uburyo barushaho korohereza Abajyanama mu gutunganya inshinga zabo neza.

10. Mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere myiza, Abajyanama biyemeje gukomeza kwita ku ndangagaciro na kirazira zibereye umuyobozi.

Bikorewe i **RUBAVU** ku wa **11 Gashyantare 2012**

KARURANGA Emmanuel

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI**